



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° 21 Bis yo
ku wa 20/05/2024

Year 63
Official Gazette n° 21 Bis of
20/05/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° 21 Bis du
20/05/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

**Iteka rya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Order/Arrêté du
Premier Ministre**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 023/03 ryo ku wa 17/05/2024 rigenga uburyo bwo
kwegereza abaturage inzego z'imirimo.....2

Prime Minister's Order n° 023/03 of 17/05/2024 governing sectoral decentralisation2

Arrêté du Premier Ministre n° 023/03 du 17/05/2024 régissant la décentralisation
sectorielle.....2

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 023/03 RYO KU WA 17/05/2024 RIGENGA UBURYO BWO KWEGEREZA ABATURAGE INZEGO Z'IMIRIMO	PRIME MINISTER'S ORDER N° 023/03 OF 17/05/2024 GOVERNING SECTORAL DECENTRALISATION	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 023/03 DU 17/05/2024 RÉGISSANT LA DÉCENTRALISATION SECTORIELLE
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Order	<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté
<u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura	<u>Article 2:</u> Interpretation	<u>Article 2 :</u> Interprétation
<u>UMUTWE WA II:</u> AMAHAME YO KWEGEREZA ABATURAGE INZEGO Z'IMIRIMO	<u>CHAPTER II:</u> SECTORAL DECENTRALISATION PRINCIPLES	<u>CHAPITRE II :</u> PRINCIPES DE LA DÉCENTRALISATION SECTORIELLE
<u>Ingingo ya 3:</u> Gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano	<u>Article 3:</u> Transparency and accountability	<u>Article 3 :</u> Transparence et obligation de rendre compte de ses actions
<u>Ingingo ya 4:</u> Kugenera imirimo amafaranga	<u>Article 4:</u> Allocation of funds on functions	<u>Article 4 :</u> Allocation des fonds sur les fonctions
<u>Ingingo ya 5:</u> Igenamigambi, itegurwa ry'ingengo y'imari n'itangwa rya raporo	<u>Article 5:</u> Planning, budgeting and reporting	<u>Article 5 :</u> Planification, budgétisation et rapports
<u>Ingingo ya 6:</u> Ububasha bwo gufata ibyemezo	<u>Article 6:</u> Decision making powers	<u>Article 6 :</u> Pouvoir de décision

UMUTWE WA III: INZEGO ZISHINZWE KWEGEREZA UBUYOBOZI ABATURAGE <u>Icyiciro cya mbere:</u> Guhuza ibikorwa byo kwegereza abaturage inzego z'imirimo <u>Ingingo ya 7:</u> Guhuza ibikorwa <u>Ingingo ya 8:</u> Imboni ya gahunda yo kwegereza ubuyobozi abaturage <u>Icyiciro cya 2:</u> Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage <u>Ingingo ya 9:</u> Ishyirwaho rya Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage <u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano za Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage <u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage <u>Ingingo ya 12:</u> Inama za Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage <u>Icyiciro cya 3:</u> Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage	CHAPTER III: ORGANS IN CHARGE OF DECENTRALISATION <u>Section One:</u> Sectoral decentralisation coordination <u>Article 7:</u> Coordination <u>Article 8:</u> Focal person in decentralisation process <u>Section 2:</u> National Decentralisation Steering Committee <u>Article 9:</u> Establishment of the National Decentralisation Steering Committee <u>Article 10:</u> Responsibilities of the National Decentralisation Steering Committee <u>Article 11:</u> Composition of the National Decentralisation Steering Committee <u>Article 12:</u> Meetings of the National Decentralisation Steering Committee <u>Section 3:</u> Decentralisation Technical Committee	CHAPITRE III : ORGANES CHARGÉS DE LA DÉCENTRALISATION <u>Section première :</u> Coordination de la décentralisation sectorielle <u>Article 7 :</u> Coordination <u>Article 8 :</u> Point focal de la décentralisation sectorielle <u>Section 2 :</u> Comité Directeur National de Décentralisation <u>Article 9 :</u> Création du Comité Directeur National de Décentralisation <u>Article 10 :</u> Attributions du Comité Directeur National de Décentralisation <u>Article 11 :</u> Composition du Comité Directeur National de Décentralisation <u>Article 12 :</u> Réunions du Comité Directeur National de Décentralisation <u>Section 3 :</u> Comité Technique de Décentralisation
--	---	--

<u>Ingingo ya 13:</u> Ishyirwaho ry'Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage	<u>Article 13:</u> Establishment of the Decentralisation Technical Committee	<u>Article 13 :</u> Création du Comité Technique de Décentralisation
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano z'Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage	<u>Article 14:</u> Responsibilities of the Decentralisation Technical Committee	<u>Article 14 :</u> Attributions du Comité Technique de Décentralisation
<u>Ingingo ya 15:</u> Abagize Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage	<u>Article 15:</u> Composition of the Decentralisation Technical Committee	<u>Article 15 :</u> Composition du Comité Technique de Décentralisation
<u>Ingingo ya 16:</u> Inama z'Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage	<u>Article 16:</u> Meetings of the Decentralisation Technical Committee	<u>Article 16 :</u> Réunions du Comité Technique de Décentralisation
<u>Ingingo ya 17:</u> Ibyifuzo nama by'Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage	<u>Article 17:</u> Recommendations of the Decentralisation Technical Committee	<u>Article 17 :</u> Recommandations du Comité Technique de Décentralisation
<u>UMUTWE WA IV:</u> URUHARE RW'INZEGO ZA LETA MU KWEGEREZA ABATURAGE INZEGO Z'IMIRIMO	<u>CHAPTER IV:</u> ROLES OF STATE ORGANS IN SECTORAL DECENTRALISATION	<u>CHAPITRE IV :</u> RÔLES DES ORGANES DE L'ÉTAT DANS LA DÉCENTRALISATION SECTORIELLE
<u>Ingingo ya 18:</u> Uruhare rwa minisiteri zishinzwe inzego z'imirimo	<u>Article 18:</u> Role of sector ministries	<u>Article 18 :</u> Rôle des ministères sectoriels
<u>Ingingo ya 19:</u> Uruhare rwa Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano	<u>Article 19:</u> Role of the Ministry in charge of local government	<u>Article 19 :</u> Rôle du Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions

<u>Ingingo ya 20:</u> Uruhare rw'ikigo cya Leta	<u>Article 20:</u> Role of a public institution	<u>Article 20</u> : Rôle d'une agence gouvernementale
<u>Ingingo ya 21:</u> Uruhare rw'Intara	<u>Article 21:</u> Role of a Province	<u>Article 21</u> : Rôle de la Province
<u>Ingingo ya 22:</u> Uruhare rw'inzego z'imategekere y'Igihugu zegerejwe abaturatione zifite ubuzimagatozi	<u>Article 22:</u> Role of decentralised administrative entities with legal personality	<u>Article 22</u> : Rôle des entités administratives décentralisées dotées de la personnalité juridique
<u>UMUTWE WA V: UBURYO BWO KWEGEREZA ABATURAGE INZEGO Z'IMIRIMO</u>	<u>CHAPTER V: SECTORAL DECENTRALISATION PROCEDURE</u>	<u>CHAPITRE V : PROCÉDURE DE DÉCENTRALISATION SECTORIELLE</u>
<u>Ingingo ya 23:</u> Imirimo idategetswe n'imirimo itegetswe	<u>Article 23:</u> Facultative functions and mandatory functions	<u>Article 23</u> : Fonctions facultatives et fonctions obligatoires
<u>Ingingo ya 24:</u> Imirimo y'inzego yegerezwa abaturatione	<u>Article 24:</u> Functions subject to decentralisation	<u>Article 24</u> : Fonctions qui font l'objet de décentralisation
<u>Ingingo ya 25:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bya Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturatione	<u>Article 25:</u> Implementation of decisions of the National Decentralisation Steering Committee	<u>Article 25</u> : Mise en œuvre des décisions du Comité Directeur National de Décentralisation
<u>Ingingo ya 26:</u> Guhuza politiki z'inzego z'imirimo n'amategeko	<u>Article 26:</u> Alignment of sector policies and legal framework	<u>Article 26</u> : Harmonisation des politiques sectorielles et du cadre juridique
<u>Ingingo ya 27:</u> Kugena ubushobozi bwo kwegereza abaturatione inzego z'imirimo	<u>Article 27:</u> Resource allocation accompanying sectoral decentralisation functions	<u>Article 27</u> : Allocation des ressources accompagnant les fonctions de la décentralisation sectorielle
<u>Ingingo ya 28:</u> Imicungire y'abakozi	<u>Article 28:</u> Human resources management	<u>Article 28</u> : Gestion des ressources humaines

<u>Ingingo</u> <u>ya</u> <u>29</u>: Ihuriro nyunguranabitekerezo <u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 30</u>: Ingingo y’ururimi <u>Ingingo ya 31</u>: Gutangira gukurikizwa	<u>Article 29</u>: Consultative forum <u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 30</u>: Language provision <u>Article 31</u>: Entry into force	<u>Article 29</u> : Forum consultatif <u>CHAPITRE VI</u> : DISPOSITIONS FINALES <u>Article 30</u> : Disposition linguistique <u>Article 31</u> : Entrée en vigueur
---	---	--

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 023/03 RYO KU WA 17/05/2024 RIGENGA UBURYO BWO KWEGEREZA ABATURAGE INZEGO Z'IMIRIMO Minisitiri w'Intebe; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; Ashingiye ku Itegeko n° 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 61; Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 20/10/2023 imaze kubisuzuma nokubyemeza; ATEGETSE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena uburyo bw'imikoranire hagati y'Akarere n'inzego za Leta zo ku rwego rw'Igihugu, binyujijwe mu kwegereza abaturatione inzego z'imirimu.	PRIME MINISTER'S ORDER N° 023/03 OF 17/05/2024 GOVERNING SECTORAL DECENTRALISATION The Prime Minister; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; Pursuant to Law n° 065/2021 of 09/10/2021 governing a District, especially in Article 61; On proposal by the Minister of Local Government; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 20/10/2023; ORDERS: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines modalities for collaboration between a district and State organs at national level through sectoral decentralisation.	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 023/03 DU 17/05/2024 RÉGISSANT LA DÉCENTRALISATION SECTORIELLE Le Premier Ministre ; Vu la Constitution de la République du Rwanda ; Vu la Loi n° 065/2021 du 09/10/2021 régissant un District, spécialement en son article 61 ; Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale ; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 20/10/2023; ARRÊTE : <u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine les modalités de collaboration entre le district et les organes de l'État au niveau national à travers la décentralisation sectorielle.
---	--	--

<u>Ingingo ya 2: Isobanura</u>	<u>Article 2: Interpretation</u>	<u>Article 2 : Interprétation</u>
Muri iri teka: (a) « Akarere » bivuga Akarere gafite ubuzimagatozi; (b) « gushyira ku rwego rwegerewe abaturage imirimo imwe ikorerwa mu butegetsi bwite bwa Leta » bivuga kwimura imwe mu mirimo ikorerwa ku rwego rw’ubutegetsi bwite bwa Leta igakorerwa ku rwego rw’Intara, urw’Akarere cyangwa ku zindi nzego ziri munsu y’Akarere ariko ububasha n’ubuyobozi bikaguma mu butegetsi bwite bwa Leta n’inzego z’ibanze; (c) « ikigo cya Leta » bivuga urwego rushinzwe ibikorwa, rurebererwa na Minisiteri ishinze urwego rw’imirimo cyangwa se urundi rwego rukuru rwa Leta; (d) « inzego z’ibanze » bivuga inzego z’imitegekere y’Igihugu zegerejwe abaturage kugira ngo zitange serivisi ku baturage no guteza imbere iterambere ry’imibereho yabo;	In this Order: (a) “district” means a district with legal personality; (b) “de-concentration” means transfer of some functions performed at central government level to provincial, district or other lower levels while the power and authority are retained by the central and local administrative entities; (c) “public institution” means an operational administrative unit under supervisory authority of a sector Ministry or other high State organ; (d) “local administrative entities” means administrative decentralised entities with the aim of delivering services and promoting socio-economic development of the citizens;	Dans le présent arrêté : (a) « district » signifie un district ayant la personnalité juridique ; (b) « déconcentration » signifie le transfert de certaines fonctions exercées au niveau du gouvernement central vers des bureaux provinciaux, de district ou d’autres entités de niveau inférieur tandis que le pouvoir et l’autorité sont conservés par le gouvernement central et les entités administratives locales; (c) « agence gouvernementale » signifie une unité administrative opérationnelle, sous la supervision d’un Ministère sectoriel ou d’un autre organe de l’État supérieur ; (d) « entités administratives locales » signifie les entités administratives décentralisées en vue de prêter les services et de promouvoir le développement socioéconomique de la population ;

(e) « kwegereza abaturage inzego z'imirimo » bivuga imikoranire hagati y'Akarere n'inzego za Leta zo ku rwego rw'Igihugu mu kwegereza abaturage urwego rw'imirimo, akenshi iyoborwa kandi igacungwa na minisiteri ishinzwe urwo rwego rw'imirimo mu butegetsi bwite bwa Leta; (f) « kwegereza ubuyobozi abaturage » bivuga uburyo bwo gutanga inshingano, ubuyobozi, ububasha n'ubushobozi bikava mu butegetsi bwite bwa Leta bikajya ku nzego z'ibanze; (g) « kwegurira abandi ububasha buke » bivuga uburyo bwo guha inzego zo hasi ububasha bumwe, igice cy'ubuyobozi, imirimo imwe n'ubushobozi bumwe hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Nshinga n'amategeko; (h) « Minisiteri ishinzwe urwego rw'imirimo » bivuga minisiteri ishinzwe imitangire ya serivisi za tekiniki zihariye zihabwa abaturage.	(e) “sectoral decentralisation” means collaboration between a district and State organs at national level through decentralisation which is generally steered and managed by a line ministry at central government level; (f) “decentralisation” means a process of transferring responsibilities, authority, power and resources for public functions from central government to local administrative entities; (g) “devolution” means a process of transferring some powers and authority, functions and resources by legal and constitutional provisions to the lower levels; (h) “Sector ministry” means a ministry responsible for specialised technical service delivery to the citizens.	(e) « décentralisation sectorielle » signifie la collaboration entre le district et les organes de l'État au niveau national à travers la décentralisation qui est généralement pilotée et gérée par un ministère de tutelle au niveau du gouvernement central ; (f) « décentralisation » signifie un processus de transfert des responsabilités, de l'autorité, du pouvoir et des ressources appropriées pour les fonctions publiques du gouvernement central aux entités administratives locales ; (g) « dévolution » signifie un processus de transfert de quelques pouvoirs, autorité, fonctions et ressources par des dispositions légales et constitutionnelles aux niveaux inférieurs ; (h) « Ministère sectoriel » signifie le ministère responsable de la prestation des services techniques spécialisés destinés aux citoyens.
--	---	--

UMUTWE WA II: AMAHAME YO KWEGEREZA ABATURAGE INZEGO Z'IMIRIMO <u>Ingingo ya 3:</u> Gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano Minisiteri zishinzwe inzego z'imirimu zikora ku buryo habaho kubazwa inshingano no gukorera mu mucyo mu bikorwa byo kwegereza abaturage inzego z'imirimu. <u>Ingingo ya 4:</u> Kugenera imirimu amafaranga Iyo imirimu ikorewe ku rwego rw'imirimu rwegereye abaturage kandi isanzwe ikorerwa mu butegetsi bwite bwa Leta, ihabwa ubushobozi mu buryo bw'imari n'ubundi bushobozi bwose bukenewe. <u>Ingingo ya 5:</u> Igenamigambi, itegurwa ry'ingengo y'imari n'itangwa rya raporo Minisiteri zishinzwe inzego z'imirimu, zitegura ibiganiro bihoraho kandi byihariye n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zifite ubuzimagatozi ku igenamigambi, itegurwa ry'ingengo y'imari n'itangwa rya raporo z'imirimu iteganyijwe.	CHAPTER II: SECTORAL DECENTRALISATION PRINCIPLES <u>Article 3:</u> Transparency and accountability Sector ministries ensure accountability and transparency in the process of sectoral decentralisation. <u>Article 4:</u> Allocation of funds on functions If functions that used to be performed in the central government, are performed at a sectoral decentralised level, they are provided with required financial resources and any other necessary resources. <u>Article 5:</u> Planning, budgeting and reporting Sector ministries hold regular and specific joint consultations with decentralised administrative entities with legal personality on planning, budgeting and reporting processes for planned functions.	CHAPITRE II : PRINCIPES DE LA DÉCENTRALISATION SECTORIELLE <u>Article 3 :</u> Transparence et obligation de rendre compte de ses actions Les ministères sectoriels assurent qu'il y ait l'obligation de rendre compte de ses actions et la transparence dans le processus de décentralisation sectorielle. <u>Article 4 :</u> Allocation des fonds sur les fonctions Lorsque les fonctions qui étaient du ressort du gouvernement central sont exercées à un niveau sectoriel décentralisé, elles sont dotées de ressources financières et de toute autre ressource nécessaire. <u>Article 5 :</u> Planification, budgétisation et rapports Les ministères sectoriels organisent des consultations conjointes régulières et spécifiques avec les entités administratives décentralisées dotées de la personnalité juridique sur les processus de planification, de budgétisation et de soumission des rapports pour les fonctions planifiées.
---	--	--

<u>Ingingo ya 6:</u> Ububasha bwo gufata ibyemezo Inzego z’imitegekere y’Igihugu zegerejwe abaturage zifite ubuzimagatozi zifite ububasha bwo gufata ibyemezo byerekeye imirimo zihabwa. <u>UMUTWE WA III: INZEGO ZISHINZWE KWEGEREZA UBUYOBOZI ABATURAGE</u> <u>Icyiciro cya mbere:</u> Guhuza ibikorwa byo kwegereza abaturage inzego z’imirimo <u>Ingingo ya 7:</u> Guhuza ibikorwa Umurimo wo guhuza ibikorwa byo kwegereza abaturage inzego z’imirimo ku rwego rw’Igihugu ushinze Minisiteri ishinze imiyoborere no kwegereza ubuyobozi abaturage. <u>Ingingo ya 8:</u> Imboni ya gahunda yo kwegereza ubuyobozi abaturage (1) Imboni ishyirwaho muri buri minisiteri ishinze urwego rw’umurimo, ikorana bya hafi n’ubuyobozi bukuru bushinze kwegereza ubuyobozi abaturage muri Minisiteri ifite ubutegetsi bw’Igihugu mu nshingano.	<u>Article 6:</u> Decision making powers Decentralised administrative entities with legal personality have discretionary decision-making powers for devolved functions. <u>CHAPTER III: ORGANS IN CHARGE OF DECENTRALISATION</u> <u>Section One:</u> Sectoral decentralisation coordination <u>Article 7:</u> Coordination The function of coordinating sectoral decentralisation at national level is entrusted with the Ministry in charge of governance and decentralisation. <u>Article 8:</u> Focal person in decentralisation process (1) A focal person nominated in each sector ministry works closely with the general directorate in charge of decentralisation in the Ministry in charge of local government.	<u>Article 6 :</u> Pouvoir de décision Les entités administratives décentralisées dotées de la personnalité juridique disposent du pouvoir de décision discrétionnaire pour les fonctions dévolues. <u>CHAPITRE III : ORGANES CHARGÉS DE LA DÉCENTRALISATION</u> <u>Section première :</u> Coordination de la décentralisation sectorielle <u>Article 7 :</u> Coordination La fonction de coordination de la décentralisation sectorielle au niveau national est confiée au Ministère ayant la gouvernance et la décentralisation dans ses attributions. <u>Article 8 :</u> Point focal de la décentralisation sectorielle (1) Un point focal nommé dans chaque ministère sectoriel travaille en étroite collaboration avec la direction générale chargée de la décentralisation au sein du Ministère ayant l’administration locale dans ses attributions.
---	---	---

(2) Imboni ya gahunda yo kwegereza ubuyobozi abaturage igomba kuba nibura iri ku rwego rw'Umuyobozi kandi ishinze kugenzura niba politiki, amategeko n'amabwiriza byerekeye urwego rw'umurimo bihuye na politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi.	(2) The decentralisation focal person must be, at least, to the level of Director and is responsible for monitoring if sector policies, laws and regulations are aligned to the decentralisation policy.	(2) Le point focal de la décentralisation doit être au moins au niveau de Directeur et est chargé de contrôler si les politiques, les lois et les réglementations sectorielles sont alignées sur la politique de décentralisation.
<u>Icyiciro cya 2: Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage</u>	<u>Section 2: National Decentralisation Steering Committee</u>	<u>Section 2 : Comité Directeur National de Décentralisation</u>
<u>Ingingo ya 9: Ishyirwaho rya Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage</u>	<u>Article 9: Establishment of the National Decentralisation Steering Committee</u>	<u>Article 9 : Création du Comité Directeur National de Décentralisation</u>
Hashyizweho Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage.	A National Decentralisation Steering Committee is established.	Il est créé un Comité Directeur National de Décentralisation.
<u>Ingingo ya 10: Inshingano za Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage</u>	<u>Article 10: Responsibilities of the National Decentralisation Steering Committee</u>	<u>Article 10 : Attributions du Comité Directeur National de Décentralisation</u>
Inshingano za Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage ni izi zikurikira:	Responsibilities of the National Decentralisation Steering Committee are the following:	Les attributions du Comité Directeur National de Décentralisation sont les suivantes :
(a) guhuza, gukurikirana ibikorwa, no gusuzuma imigendekere ya gahunda yo kwegereza ubuyobozi abaturage; (b) gutanga icyerekezo ku ngingo zirebana no kwegereza ubuyobozi abaturage;	(a) to coordinate, monitor and evaluate performance of decentralisation; (b) to provide orientation on matters related to decentralisation;	(a) coordonner et faire le suivi et l'évaluation de la performance de la décentralisation; (b) fournir une orientation sur les questions liées à la décentralisation;

(c) kwemeza raporo z’umwaka zitangwa na minisiteri zishinzwe inzego z’imirimo ku bijyanye na politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage; (d) kwemeza ibyemezo byafashwe n’Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage; (e) kwemeza ibikorwa byo kwegereza ubuyobozi abaturage n’amavugururwa ateganywa; (f) gukurikirana uko ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kwegereza ubuyobozi abaturage rigenda; (g) gutangaza buri mwaka ishusho igaragaza uko abaturage begerejwe inzego z’imirimo mu Gihugu; (h) gutanga raporo y’ibikorwa kuri Serivisi z’ibiro bya Minisitiri w’Intebe. <u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Komite y’Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage Komite y’Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage igizwe n’aba bakurikira: (a) Minisitiri ufite ubutegetsi bw’Igihugu	(c) to approve annual reports from sector ministries on the decentralisation policy; (d) to approve decisions taken by the Decentralisation Technical Committee; (e) to approve decentralisation activities and planned reforms; (f) to monitor the progress of the implementation of decentralisation process; (g) to publish, on annual basis, the status of sectoral decentralisation in the country; (h) to submit an activity report to the Prime Minister’s Office. <u>Article 11:</u> Composition of the National Decentralisation Steering Committee The National Decentralisation Steering Committee is composed of the following members: (a) the Minister in charge of local	(c) approuver les rapports annuels des ministères sectoriels sur la politique de décentralisation ; (d) approuver les décisions prises par le Comité Technique de Décentralisation; (e) approuver les activités de décentralisation et les réformes envisagées ; (f) faire le suivi du progrès de la mise en œuvre du processus de décentralisation; (g) publier chaque année l’état de la décentralisation sectorielle dans le pays ; (h) soumettre un rapport d’activités aux Services du Premier Ministre. <u>Article 11 :</u> Composition du Comité Directeur National de Décentralisation Le Comité Directeur National de Décentralisation est composé des membres suivants : (a) le Ministre ayant l’administration
--	---	---

Official Gazette n° 21 Bis of 20/05/2024

mu nshingano, Perezida;	government; Chairperson;	locale dans ses attributions, Président ;
(b) Minisitiri ufite imari n'igenamigambi mu nshingano;	(b) the Minister in charge of finance and economic planning;	(b) le Ministre ayant les finances et la planification économique dans ses attributions ;
(c) ba Minisitiri bafite mu nshingano inzego z'imirimo zikurikira:	(c) Ministers in charge of the following sectors:	(c) les Ministres ayant dans leurs attributions les secteurs suivants :
(i) ubuhinzi;	(i) agriculture;	(i) l'agriculture ;
(ii) ubuzima;	(ii) health;	(ii) la santé ;
(iii)uburezi;	(iii)education;	(iii)l'éducation ;
(iv)ibikorwa remezo;	(iv)infrastructure;	(iv) les infrastructures ;
(d) Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere;	(d) Chief Executive Officer of the Rwanda Governance Board;	(d) le Directeur Général de l'Office Rwandais de la Gouvernance ;
(e) Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano, Umwanditsi;	(e) Permanent Secretary in the Ministry in charge of local government, Rapporteur;	(e) le Secrétaire Permanent du Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions, Rapporteur ;
(f) Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;	(f) Mayor of the City of Kigali;	(f) le Maire de la Ville de Kigali ;
(g) ba Guverineri b'Intara;	(g) Governors of Provinces;	(g) les Gouverneurs des Provinces ;
(h) uhagarariye abayobozi b'Uturere muri buri Ntara;	(h) a representative of District mayors in each Province;	(h) un représentant des Maires des districts dans chaque Province ;
(i) uhagarariye urundi rwego Minisiteri	(i) a representative of other organ that	(i) un représentant d'un autre organe que

ifite ubutegetsu bw'Igihugu mu nshingano yabona ko ari ngombwa. <u>Ingingo ya 12:</u> Inama za Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage Komite y'Igihugu yo Kwegereza Ubuyobozi Abaturage iterana kabiri mu mwaka n'ikindi gihe bibaye ngombwa. <u>Icyiciro cya 3:</u> Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage <u>Ingingo ya 13:</u> Ishyirwaho ry'Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage Hashyizweho Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage. <u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano z'Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage Akanama ka Tekiniki ko Kwegereza Ubuyobozi Abaturage gafite inshingano zikurikira: (a) gutanga inama no gutanga icyerekezo kuri minisiteri zishinzwe inzego z'imirimo ku birebana n'ishyirwa mu	the Ministry in charge of local government considers necessary. <u>Article 12:</u> Meetings of the National Decentralisation Steering Committee The National Decentralisation Steering Committee convenes twice a year and whenever necessary. <u>Section 3:</u> Decentralisation Technical Committee <u>Article 13:</u> Establishment of the Decentralisation Technical Committee A Decentralisation Technical Committee is established. <u>Article 14:</u> Responsibilities of the Decentralisation Technical Committee The Decentralisation Technical Committee has the following responsibilities: (a) to provide guidance and orientation to sector ministries on the implementation of the	le Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions juge nécessaire. <u>Article 12 :</u> Réunions du Comité Directeur National de Décentralisation Le Comité Directeur National de Décentralisation se réunit deux fois par an et chaque fois que de besoin. <u>Section 3 :</u> Comité Technique de Décentralisation <u>Article 13 :</u> Création du Comité Technique de Décentralisation Il est créé un Comité Technique de Décentralisation. <u>Article 14 :</u> Attributions du Comité Technique de Décentralisation Le Comité Technique de Décentralisation a les attributions suivantes : (a) donner des conseils et une orientation aux ministères sectoriels sur la mise en œuvre de la politique de
--	---	---

